MUKAMAGERA Xaverine
Segiteri Cyuga
Komine Rutongo
KIGALI.

A traiter par ......SSB......
Date d'entrée ....09 MAI 1988..........
N° classement ......DM/A/Prov.
1834

KUREGERA UBUSHINJA-CYAHA UWITWA MUKANDAMAGE DOMITILLE N'ABO BAFATANYIJE, KUBERA IBYAHA BAKOREYE N'UBWISHYIRE UKIZANA BWANJYE N'ICYAHA CYO KUNSEBYA BANTESHA ICYUBAHIRO N'AGACIRO MU GIHUGU NO KW'ISI HOSE.

Bwana Prokireri wa Repubulika
B.P.160- KIGALI.

Bwana Prokireri,

Ndabasuhuza,

Mu buryo busobanuye neza ku kirego natanze mw'ibaruwa nabandikiye yo kuwa 7/3/88, kandi kuli buliwese, mbandikiye mbagezeho ibirego byanjye ndega aba bakulikira:

1- MUKANDAMAGE Domitille, umukozi mu Bitaro by'i RUTONGO.

2- HABARUREMA Bonaventure, utuye mu MUHIMA, Segiteri-MUHIMA, Komine-NYARUGENGE, Prefegitura ya KIGALI.

3- GAKULIRO Léonidas, S/Prefe wa S/Prefegitura ya MURAMBI, Prefegitura ya KIGALI.

1- Kuli MUKANDAMAGE Domitille.

a- Kuba, mu ukwezi kwa Mutarama 1988, ali i RUTONGO, Segiteri Masoro, Komine-RUTONGO, Prefegitura ya KIGALI, mu Rwanda, yaranshabaje bikomeye, k'ubwinabi kandi mu rubame, yaranshiliye igikorwa cyeruye, kintesha agaciro, angerekaho intumbi y'umwana witwa KABAGWIRA Vestine wa mukoreraga, kugeza ubwo icyo gikorwa cya yangeretseho, yakimenyeshereje isi yose muli Kinyamateka N°1268 yasohotse kuwa 1/2/1988.

b- Kuba, kuwa 25/1/1988, ali aho hantu havuzwe haruguru yaramfatishije akamfungisha iminsi ine yose muli Amigo ya Brigade y'i GIKONDO. Kandi we azi neza aho yahisha uwo mwana kwa HABARUREMA Bonaventure mu MUHIMA.

Nyakubahwa, Bwana Prokireri, nkaba nitabaje ubutabera bwanyu muzwiho, nsaba ko bwashingira k'ububasha buhabwa n'amategeko buzakulikirana MUKANDAMAGE Domitille kuli ibyo byaha by'ubugome, bugashingira no kungingo ya 388 n'Iya 391 z'igitabo cya II cy'amategeko ahana, rukabimushinja.

2- KULI HABARUREMA Bonaventure.

Kuba, mu kwezi kwa cumi n'abili 1987, italiki itazwi, ali mu MUHIMA, Komine-NYARUGENGE, Prefegitura ya KIGALI, yarahishiye MUKANDAMAGE Domitille, uwo mwana .KABAGWIRA Vestine yantwerereye mu ruhame no munyandiko, avuga ko namuligishije.

3- KULI GAKULIRO .LEONIDAS..............,S/Prefe wa S/Prefegitura ya MURAMBI.

- Kuba, mugihe cy'igikorwa cya MUKANDAMAGE Domitille, muramuwe yarakimufashijemo kumugaragaro, bombi bagamije kuncisha igihanga hamwe n'umubyeyi wanjye-MUNYAMBIZI Patrice basagaliye bakamufungishiliza muli Gereza y'i KIGALI kuva kuwa 25/1/1988 kugeza kuwa 2/3/1988, bavuga ko twafatanyije kuligisa uwo mwana, kandi be bazi neza aho bamuhishe kwa HABARUREMA.

Nyakubahwa, Bwana Prokireri, ndangije nsaba ubutabera bwanyu kwakira ibirego mbagejejeho no gukulikirana vuba ababikoze bose nk'uko nabibareze.

Mugire amahoro.

Bikorewe i RUTONGO kuwa 3-5-1988.

MUKAMAGERA Xaverine.